INYANDIKO-MFASHANYIGISHO

Naturland ACADEMY

# GUHINDURA IBYEMEZO BY'AMATSINDA BIGAHUZWA N'AMABWIRIZA MASHYA Y' UMURYANGO W'UBUMWE BW'IBIHUGU BY'I BURAYI

Inyandiko y'amakuru yerekana impinduka z'ingenzi ku matsinda y'abatanga ibicuruzwa bato hakurikijwe amabwiriza mashya y'ubumwe bw'ibihugu by'Uburayi 2018/848 na Reg (EU) 2021/279

Icyitonderwa: Mu gihe ukeneye kugira ibyo uhindura ku miterere n'imiyoborere y'urwego rw'ubugenzuzi (ICS), buri gihe ugomba kumenya neza niba urwego rwanyu rw'ubugenzuzi rwubahiriza amabwiriza mashya



Naturland - Verband für ökologischen Landbau e.V.
Association for Organic Agriculture
www.naturland.org

academy@naturland.org
www.academy.naturland.org

## 1. Amatsinda y'abahinzi bafite ubuzimagatozi

Reg. (EU) 2018/848 Art. 36


Abagize itsinda bagomba kuba abahinzi cyangwa abakora ubworozi bwo mu mazi. Abanyamuryango bashobora kuba kandi abatunganya umusururo, abategura cyangwa abajyana ibicuruzwa ku masoko.
Buri tsinda ryemewe ry'abakora ubuhinzi bw'umwimerere rigomba kugira ubuzimagatozi. Itsinda ryemerewe ubuzima gatozi ntirirasobanurwa. Bikekwa ko rishobora kuba koperative iyariyo yose, ishyirahamwe ry'abahinzi, ibigo bya leta, n'abandi.




## 2. Umubare w'abanyamuryango ntarengwa ni 2000

Reg. (EU) 2021/279 Art. 4

Itsinda ryemewe ry'abahinzi ntirigomba kurenza abanyamuryango 2000 bakora ubuhinzi bw'umwimerere. Amatsinda manini afite abanyamuryango barenga 2000 agomba kugabanywamo amatsinda mato mato. Buri tsinda ryemewe rigomba kwandikwa nk'irifite ubuzimagatozi kandi rikemezwa ukwaryo.



**Ibijyanye n'imicungire y'urwego rugenzura (ICS)**


Buri tsinda ryemewe rigomba gushyiraho umuyobozi w'urwego rugenzura (ICS) n'umubare uhagije w'abagenzuzi b'itsinda. Ariko, hari uburyo bwo koroshya imikorere y'urwego rugenzura (ICS) ugereranyije n'ibisabwa bishya. Urugero, umuyobozi w'urwego rugenzura (ICS) ashobora kuba umwe mu matsinda yemewe arenze rimwe. Bityo, abagenzuzi b'amatsinda bashobora kugirana amasezerano n'itsinda ry'abagenzuzi.

***Ni ngombwa gutekereza uburyo bw'imikorere bujyanye n'ibisabwa n'itsinda. Urugero, bishobora kuba byiza kugira abandi bakozi binyongera kuri buri tsinda ryemewe bakorera munsi y'ubuyobozi bw'urwego rugenzura (ICS).***

Gahunda zose cyangwa uburyo bwo gushyira abakozi mu myanya bigomba gusobanurwa no kwandikwa neza. Byongeye, buri tsinda ryemewe rigomba kuba ryujuje ibisabwa.

**Ilbyerekeye kumenyekanisha ibicuruzwa**

N'ubwo itsinda rikwiye kwigabanyamo amatsinda menshi atandukanye kandi yemewe, ashobora gukomeza kugira uburyo buhuriweho bwo kumenyekanisha imisaruro.




Gahunda zisobanutse Inyandiko nziza zikenewe

**Ibyerekeye amatsinda y'abahinzi mu buhinzi bugengwa n'amasezerano**

Reg. 2018/848 (Art. 36) isaba ko buri tsinda ryemewe ry'abakozi rigomba kuba rigizwe n'abahinzi kandi rikaba rifite ubuzimagatozi. Ibi bifite icyo bivuze ku batunganya ibyemezo cyangwa abacuruzi bahuje imirima mito mito mu buhinzi bugengwa n'amasezerano. Aba bahinzi bakeneye gushyirwa mu matsinda mashya afite abanyamuryango b'abahinzi gusa kandi yanditswe afite n'ubuzima gatozi.

Ariko, hari uburyo bwo koroshya imikorere y'urwego rugenzura (ICS) ugereranyije n'ibisabwa bishya. Urugero, itsinda rishya ryemewe ry'abahinzi rishobora gushyiraho umuyobozi w'urwego rw'ubugenzuzi (ICS) n'umubare uhagije w'itsinda ry'abagenzuzi bakorera munsi y'ubuyobozi bw'utunganya umusaruro / umucuruzi.

Byongeye, utunganya umusaruro ashobora gukomeza kugura ibicuruzwa mu "matsinda y'abahinzi" cyangwa abanyamuryango banini bemewe bakora ku giti cyabo.




## 3. Ibisabwa k'ushaka kuba umunyamuryango

Reg. 2018/848 Article 36

**Umubare w'abanyamuryango**

Hano hari ibisabwa bishya ku banyamuryango b'amatsinda. Abagize itsinda bakwiye:

- Kuba bafite ubutaka butarengeje hegitari 5, cyangwa igice cya hegitari (0.5 ha) mu nzu (greenhouse); cyangwa se hegitari 15 z'umurima uri ahantu hisanzuye. Ubutaka buvugwa bugizwe n'imirima y'umuhinzi yaba iyemewe cyanga itemewe.
- Kuba bafite ibicuruzwa bituruka ku buhinzi bifite agaciro katarenze ayarero (EUR) 25.000 hamwe n'icyemezo cy'umuhinzi kitarengeje 2% by'agaciro k'ibikomoka ku buhinzi bw'umwimerere. Kubera ko ari ibisanzwe ko agaciro k'icyemezo cy'ubuhinzi karenga amayero 500 € (bingana na 2% by'umusaruro wemerewe kugurishwa atarenze amayero 25.000 EUR), agaciro k'ibicuruzwa niko gipimo gifatika.


Ibi bivuze ko abahinzi bafite hegitari zirenga 5 z'ubutaka bwo guhinga bashobora kuba abanyamuryango b'itsinda mu gihe agaciro k'ibi-curuzwa by'umwimerere kari munsi yamayero 25.000 EUR.

**Kubara agaciro k'umusaruro w'umwimerere:**

» Agaciro k'umusaruro w'umwimerere = Umusaruro w'umwaka wose muri kg * igiciro kuri kg

Umuhinzi 1: hegitari 13 z'umurima wose w'ubuhinzi, hamwe na hegitari 10 z'ubuhinzi bwa kawa yem ewe hamwe na hegitari 3 z'ubutaka butemewe.

Umuhinzi 2: hegitari 18 ubuhinzi bw'um wimerere bwemewe (umuri ma wose harimo ubuhinzi bw'umwimerere bwemewe).








| *Umusaruro rusange w'umwaka* | *Igiciro kuri kg ikawa iyo igurishijwe kuva k'umuhinzi kugeza kuri ICS* | *Agaciro k'ibicuruzwa by'umwimerere mu mafaranga y'igihugu* | *Agaciro k'ibicuruzwa by'umwimerere mu ma EUR* | *Umwanzuro* |
|---|---|---|---|---|
| 6,900 kg | 52 Mexican Pesos (MXN) | 6900 kg x 52 MXN = 358,800 MXN | 1,454,398 EUR | Byiza, Umusaruro < 25,000 EUR ↓ umuhinzi ashobora kuba umwe mu bagize itsinda |
| 12,420 kg | 52 MXN | 12420 kg x 52 MXN = 645,840 MXN | 2,617,916 EUR | Ntabwo ari sawa, kugurisha > 25.000 EUR ↓ umuhinzi agomba kwemezwa nk'umurima kugiti cye. |

**Kwiyandikisha mu itsinda rimwe gusa**

Reg. (EU) 2021/279 Art. 4

Ku bw'impamvu zo gucunga ibyago/ingorane zishobora kubaho, abahinzi bagomba kuba abanyamuryango b'itsinda rimwe ryanditse kandi itsinda rigomba kugira uburyo buhuriweho bwo kumenyekanisha ibicuruzwa byose.

Ariko, birashoboka ko niba umuhinzi ashobora guhinga ibihingwa bibiri bitandukanye, urugero: ikawa n'ibitoki, umuhinzi wabikoze ashobora kwiyandikisha mu matsinda abiri atandukanye, itsinda rimwe ryo kugurisha ikawa n'irindi tsinda ryo kugurisha ibitoki.

## 4. Ijanisha ryo kongera kugenzura no gufata impagararizi

Reg. (EU) 2021/279 Art. 7

**Ubundi bugenzuzi**

Amabwiriza mashya arasaba byibuze 5% by'abagize itsinda kongera kugenzurwa n'inzego zo hanze zishinzwe ubugenzuzi.
Iki gipimo gishya cyo kugenzura kireba cyane cyane amatsinda afite abanyamuryango 400 cyangwa barenga, kandi bishobora kongera igiciro cyo kugenzura, cyane cyane ku matsinda manini cyane

**Impagararizi**

Impagararizi yo gukora isesengura risigaye irakenewe kuri 2% by'abagize itsinda. Kugeza ubu ntiharamenyekana neza uburyo ibi bizashyirwa mu bikorwa n'inzego zishinzwe kugenzura mu buryo bufatika kandi buhendutse.




## 5. Inyandiko

Reg. (EU) 2018/848 Art. 36; Reg. (EU) 2021/279 Art. 5, Art. 6

Amabwiriza mashya arasaba ko habaho inyandiko zirambuye zerekana imikorere ya za ICS. Ibyinshi muri ibyo bisabwa, koperative zemewe na Naturland zirabyujuje. Ariko, bimwe mubisobanuro biri mu mabwiriza mashya bikwiye kwitonderwa; urugero: igihe ICS zifatwa nk'aho zananiwe gukora isuzuma kandi ni ryari bikwiye kumenyeshwa CB

## 6. Kuva ku kuringaniza Kugera ku kubahiriza

Kugeza ubu, ibicuruzwa byatumijwe mu mahanga n'Umuryango w'ubumwe bw'ibihugu by'I Burayi byemejwe hakurikijwe "uburyo bungana" bivuze ko amatsinda y'abahinzi yemewe hakurikijwe "uburyo bungana mu gusuzuma ubuziranenge bw'umwimerere" bikorwa n'urwego rusanzwe rugenzura. Hamwe n'amabwiriza mashya, inzego zishinzwe kugenzura zigomba guhindura " iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza " kugira ngo hatangwe icyemezo cy'ubuhinzi bw'umwimerere mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyabere.

Hariho igihe cy'inzibacyuho cyasobanu-we kugirango inzego zishinzwe kugenzura zongere ibyemezo kandi zuzuze ihame rishya ryo kubahiriza ibisabwa kugeza mu mpera za 2024. Inzego zishinzwe kugenzura zishobo-ra gukora igenzura hakurikijwe amabwiriza mashya ari uko barangije iki gikorwa.

Ku bw'ibyo, amatsinda y'abahinzi nayo aracy-afite igihe cyo kumenyera ibisabwa bishya kugeza igihe urwego rwabo rugenzura ru-rangije gahunda nshya yo kwemerwa. Mush-obora kuvugana n'urwego rushinzwe kugen-zura, kugirango mumenye igihe muzakorewa




Ibipimo bingana by'ubuhinzi bw'umwimerere byemejwe n'umugenzuzi wawe.

Kubahiriza amabwiriza y'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi

## Agasanduku - Ibibazo bikunze kubazwa

**Ubuzimagatozi busobanura iki?**

*Ubuzimagatozi ntabwo busobanurwa mu mabwiriza. Dutekereza ko itsinda rifite ubuzimagatozi rishobora kuba koperative iyo ari yo yose, ishyirahamwe ry'abahinzi, sosiyete sivire n'abandi. Mushobora gushaka amakuru k'ubwoko bwemewe bw'ubuzima gatozi bushoboka mu gihugu cyanyu n'ibisabwa bigomba kuzuzwa kugira ngo mwandikishe itsinda rifite ubuzimagatozi.*

**Koperative yacu imaze kugabanywamo amatsinda mato mato, ukurikije aho abahinzi baherereye cyangwa ibicuruzwa by'abahinzi (urugero: abahinzi-borozi bo mu misozi miremire n'abo mu bibaya). Haba hari impinduka kuri twe?**

**Dufite abanyamuryango barenga 2000 bemewe, dukwiye gukora iki?**

*Icyemezo gishobora gutangwa ku bahinzi-mwimerere 2000 gusa. Niba ufite abahinzi-borozi barenga 2000 mu rwego rwawe rw'ubugenzuzi (ICS), itsinda rigomba kongera gutegurwa no kwigabanyamo amatsinda. Urugero; abahinzi bashobora guhurizwa hamwe bishingiye ku karere cyangwa ibicuruzwa.* **Buri tsinda rigomba kwiyandikisha mu buryo bwemewe n'amategeko kandi rigahabwa icyemezo cy'ubuhinzi bw'umwimerere mu bihe bitandukanye.**

**Dufite abahinzi bagera kuri 2000 bemewe mu itsinda ryacu, dushobora kwakira abahinzi bashya?**

*Abahinzi bashya bashobora kwakirwa ariko niba umubare w'abanyamuryango 2000 ugeze, itsinda rigomba kongera kwigabanyamo amatsinda mato.* **Buri tsinda rigomba kwiyandikisha mu buryo bwemewe n'amategeko kandi rigahabwa icyemezo cy'ubuhinzi bw'umwimerere mu bihe bitandukanye.**

*Niba umubare rusange w'abanyamuryango b'ubuhinzi-mwimerere muri koperative utarenze 2000, abanyamuryango ba nyiri imirima bashobora gushyirwa mu matsinda mato uko bikwiye (urugero: abahinzi-borozi bo mu misozi miremire n'abo mu bibaya). Ariko, koperative igomba kwandikwa mu buryo bwemewe n'amategeko kandi ikuzuza ibisabwa byose n'urwego rugenzura (ICS), inyandiko n'abakozi.*

*Niba umubare rusange w'abanyamuryango b'ubuhinzi-mwimerere urenga 2000, koperative igomba kongera kugabanywamo amatsinda atandukanye y'abahinzi batarenze 2000.* **Buri tsinda rigomba kwiyandikisha, kugira ubuzimagatozi, kwakira ibyemezo bitandukanye, no gushyiraho uburyo bwo kwigenzura hamwe n'inyandiko no gushyiraho abakozi b'urwego rugenzura (ICS).** *Habaho koroshya uburyo bwo kwigenzura (ICS) ku matsinda atandukanye. Urugero; amatsinda abiri ashobora gushyiraho umuyobozi umwe w'urwego rwigenzura (ICS) cyangwa abagenzuzi b'imbere. Ariko, ni ngombwa gushakisha uburyo bukwiye bwo gushyiraho uburyo bwiza bwo kwigenzura (ICS).*

### Turi sosiyete yemewe itunganya umusaruro, n'abahinzi bafite amasezerano ashingiye ku mikorere y'urwego rwacu rushinzwe igenzura (ICS). Ni iki dukwiye gukora?

***Icyemezo cy'itsinda gishobora gutangwa ku matsinda agizwe gusa n'abanyamuryango b'abahinzi.*** Ku bw'ibyo, abahinzi bafite amasezerano bagomba gushyirwa mu matsinda yigenga, bariyandikishije bafite ubuzima gatozi kandi baremejwe mu buryo butandukanye na sosiyete itunganya umusaruro. Ni ngombwa gushakisha uburyo bukwiye bwo gushyiraho imikorere y'urwego rwacu rwigenzura (ICS) mu gucunga itsinda rishya ry'abahinzi. Urugero, urwego rushinzwe igenzura (ICS) rushobora kubamo itsinda ry'abahinzi. Ubundi, ubuyobozi bwa ICS bushobora gukorana na sosiyete itunganya umusaruro. Byongeye kandi, itsinda rishya ry'abahinzi rishobora kugirana amasezerano yo kugurisha ibicuruzwa muri sosiyete itunganya umusaruro.

### Agaciro k'umusaruro w'umwimerere ni iki?

*Umusaruro ngarukamwaka n'amafaranga yose umuhinzi yabonye aturutse mu kugurisha umusaruro w'umwimerere muri (ICS). Ubarwa mu buryo bukurikira:* **gufata umusaruro w'umwaka wose (ukagabanya)/ ikigereranyo cy'umusaruro ukubye n'igiciro ku kilo kimwe.** *Mushobora kureba icyitegererezo cyo kubara muri iyi nyandiko*

### Ese umurima ufite ubutaka burenga hegitari 5 ushobora gukomeza kuba umwe mu bagize itsinda?

*Yego, imirima ifite ubutaka burenga hegitari 5 ishobora kuba mu itsinda* **mu gihe agaciro k'ibicuruzwa by'ubuhinzi bw'umwimerere katarengeje**

### Ni gute ibisabwa bishya nk'umubare ntarengwa w'abahinzi, irindi genzurwa cyangwa ibipimo by'impagararizi bishobora guhinduka?

*Ibisabwa bishya* **byamaze kurangira ntibishobora guhinduka.** *Ariko, Naturland yiyemeje guhora ikorera ubuvugizi abahinzi bato b'umwimere*

### Ni ryari dukeneye kubahiriza ibisabwa bishya?

*Ibi biterwa n'urwego rw'ibihugu by'ubumwe by'uburayi rushinzwe igenzura. Inzego zishinzwe kugenzura zizashyira mu bikorwa ubugenzuzi hakurikijwe amabwiriza mashya nyuma yo kongera kwemererwa gukora. I***yi gahunda yo kongera kwemererwa igomba kurangira ku ya 31 Ukuboza 2024 nibura,** *bityo rero hafatwa ko iyubahirizwa ry'amatsinda y'abahinzi ku mabwiriza mashya azasuzumwa mu gihe cy'igenzura rya 2023 cyangwa 2024. Mushobora kuvugana n'urwego rw'ibi-hugu by'ubumwe by'uburayi rushinzwe igenzura kugira ngo rubahe amakuru y'inyongera*

Naturland iri gushyira mu bikorwa umushinga witwa “Partner Afrika” ku bufatanye na ROAM (Rwanda Organic Agriculture Move¬ment) hitawe cyane ku itsinda ry'abagore ryitwa "Ejo Heza" ribarizwa muri koperative KOPAKAMA (Akarere ka Karongi , Rwanda).

Supported by

Implemented by

**Last update**: July 2024